



Republic
of Rwanda



nistr
NATIONAL INSTITUTE OF
STATISTICS OF RWANDA

UBUCURUZI MPUZAMAHANGA BW'U RWANDA



Igihembwe cya 2, 2026



NISR © 2026 Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda. Byatangiwe uburenganzira bwa CC BY 4.0

Agasanduku k'iposita: 6139 Kigali, Rwanda

Tel: +250 788 383103

Imeyili: info@statistics.gov.rw

Urubuga: www.statistics.gov.rw

Uburyo bwo kubyifashisha mu nyandiko:

Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR), Ubucuruzi mpuzamahanga bw'u Rwanda, 2026.

INCAMAKE Y'UBUCURUZI MPUZAMAHANGA BW'U RWANDA¹

Igihembwe cya 2, 2026²

Mu gihembwe cya kabiri cya 2026, u Rwanda rwacururije miliyoni 2.334,96 z'amadolari y'amerika mu rwego rw'ubucuruzi mpuzamahanga, bingana n'izamuka rya 34,5% ugereranyije n'igihembwe cya Kabiri cya 2025 ndetse n'izamuka rya 23,3% ugereranyije n'igihembwe cya 1 cya 2026.

Imbonerahamwe y'ubucuruzi mpuzamahanga bw'u Rwanda (muri miliyoni z'amadolari y'Amerika)

Umwaka	Ibihembwe bya kabiri			
	2023	2024	2025	2026
	2.210,36	2.270,61	1.735,84	2.334,96

IBYOHEREZWA MU MAHANGA

Mu gihembwe cya kabiri cya 2026, ibicuruzwa byoherejwe mu mahanga byari bifite agaciro ka miliyoni 548,98 z'amadolari y'Amerika, bingana na 23,5% by'agaciro k'ubucuruzi mpuzamahanga bw'u Rwanda. Agaciro k'ibyoherewe mu mahanga kazamutseho 58,6% ugereranyije n'agaciro k'ibyoherewe mu mahanga mu gihembwe cya kabiri cya 2025; ndetse kazamukaho 49,6% ugereranyije n'igihembwe cya mbere cya 2026.

Imbonerahamwe y'agaciro k'ibyoherewe mu mahanga (miliyoni z'amadolari y'amerika)

Umwaka	Ibihembwe bya kabiri			
	2023	2024	2025	2026
	484,74	537,64	346,04	548,98

Mu gihembwe cya kabiri cya 2026, 71,1% by'agaciro k'ibicuruzwa byose u Rwanda rwohereje mu mahanga byagiye mu bihugu bitanu aribyo Ubushinwa, Leta ziyunze z'Abarabu, Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo, Ubuholandi, na Leta Zunze ubumwe z'Amerika.

IBITUMIZWA MU MAHANGA

Mu gihembwe cya kabiri cya 2026, agaciro k'ibitumizwa mu mahanga kari miliyoni 1.606,39 z'amadolari y'Amerika bingana na 68,8% by'agaciro k'ubucuruzi mpuzamahanga bw'u Rwanda. Agaciro k'ibitumizwa mu mahanga kazamutseho 28,7% ugereranyije n'agaciro k'ibyatumiye mu mahanga mu gihembwe cya kabiri cya 2025; ndetse na 20,5% ugereranyije n'igihembwe cya mbere cya 2026.

Imbonerahamwe y'agaciro k'ibitumizwa mu mahanga (muri miliyoni z'amadolari y'amerika)

Umwaka	Ibihembwe bya kabiri			
	2023	2024	2025	2026
	1.571,09	1.568,97	1.247,39	1.606,39

Mu gihembwe cya kabiri cya 2026, 60,8% by'agaciro k'ibicuruzwa byose u Rwanda rwatumije mu mahanga byavuye mu bihugu bitanu aribyo Ubushinwa, Tanzaniya, Ubuhinde, Kenya, na Uganda.

¹ Ubucuruzi mpuzamahanga bwanditse bukubiyemo ubucuruzi bw'ibyoherewe mu mahanga n'ubucuruzi bw'ibitumizwa mu mahanga.

² Igihembwe cya kabiri kigizwe n'amezi 3, ariyo Mata, Gicurasi na Kamena

UBUCURUZI MPUZAMAHANGA BW'U RWANDA N'IMIRYANGO Y'UBUKUNGU Y'UTURERE DUTANDUKANYE

1. Mu Muryango w'Isoko Rusange ry'Ibihugu byo mu Burasirazuba no mu Majyepfo y'Afrika (COMESA)

Mu gihembwe cya kabiri cya 2026, ubucuruzi mpuzamahanga u Rwanda rwagiranye n'ibihugu bigize Umuryango w'Isoko Rusange ry'Ibihugu byo mu Burasirazuba no mu Majyepfo y'Afrika bwagize agaciro ka miliyoni 544,69 z'amadolari y'amerika, mu gihe mu gihembwe cya kabiri cya 2025 bwari bufite agaciro ka miliyoni 424,22 z'amadolari y'amerika, naho mu gihembwe cya mbere cya 2026 bugira agaciro ka miliyoni 529,41 z'amadolari y'amerika.

Agaciro k'ibyo u Rwanda rwohereje mu bihugu bigize uyu muyango kazamutseho 30,3% mu gihembwe cya kabiri cya 2026 ugereranyije n'igihembwe nk'iki cya 2025; kazamukaho 4,05% ugereranyije n'igihembwe cya mbere cya 2026.

Agaciro k'ibyo u Rwanda rwatumije mu bihugu bigize uyu muyango kazamutseho 29,5% mu gihembwe cya kabiri cya 2026 ugereranyije n'igihembwe nk'iki cya 2025, kazamukaho 11,03% ugereranyije n'igihembwe cya mbere cya 2026.

Imbonerahamwe y'agaciro k'ubucuruzi mpuzamahanga u Rwanda rwagiranye na COMESA (miliyoni z'amadolari y'Amerika)

Umwaka	Ibihembwe bya kabiri			
	2023	2024	2025	2026
	403,04	559,44	424,22	544,69

2. Umuryango w'ubukungu uhuza ibihugu byo mu karere k'ibiyaga bigari (CEPGL)

Mu gihembwe cya kabiri cya 2026, ubucuruzi mpuzamahanga bwanditse u Rwanda rwagiranye n'ibihugu bigize Umuryango w'Ubukungu uhuza ibihugu byo mu karere k'ibiyaga Bigari (CEPGL) bwagize agaciro ka miliyoni 285 z'amadolari y'amerika, mu gihe mu gihembwe cya kabiri cya 2025 bwari bufite agaciro ka miliyoni 231,37 z'amadolari y'amerika, naho mu gihembwe cya mbere cya 2026 bugira agaciro ka miliyoni 285,47 z'amadolari y'Amerika.

Agaciro k'ibyo u Rwanda rwohereje mu bihugu bigize uyu muyango kazamutseho 36,4% mu gihembwe cya kabiri cya 2026 ugereranyije n'igihembwe nk'iki cya 2025; kazamukaho 11,7% ugereranyije n'igihembwe cya mbere cya 2026.

Agaciro k'ibyo u Rwanda rwatumije mu bihugu bigize uyu muyango kazamutseho 9,38% mu gihembwe cya kabiri cya 2026 ugereranyije n'igihembwe nk'iki cya 2025, kamanukaho 28,5% ugereranyije n'igihembwe cya mbere cya 2026.

Imbonerahamwe y'agaciro k'ubucuruzi mpuzamahanga u Rwanda rwagiranye na CEPGL (miliyoni z'amadolari y'Amerika)

Umwaka	Ibihembwe bya kabiri			
	2023	2024	2025	2026
	193,58	218,98	231,37	285

3. Umuryango w'ubukungu uhuza ibihugu byo mu majyepfo y'Afrika (SADC)

Mu gihembwe cya kabiri cya 2026, ubucuruzi mpuzamahanga bwanditse u Rwanda rwagiranye n'ibihugu bigize Umuryango w'Ubukungu uhuza ibihugu byo mu majyepfo y'Afrika (SADC) bwagize agaciro ka miliyoni 484,98 z'amadolari y'amerika, mu gihe mu gihembwe cya kabiri cya 2025 bwari bufite agaciro ka miliyoni 429,46 z'amadolari y'amerika, naho mu gihembwe cya mbere cya 2026 bugira agaciro ka miliyoni 432,96 z'amadolari y'Amerika.

Agaciro k'ibyo u Rwanda rwohereje mu bihugu bigize uyu muryango kazamutseho 29,7% mu gihembwe cya kabiri cya 2026 ugereranyije n'igihembwe nk'iki cya 2025; kazamukaho 5,2% ugereranyije n'igihembwe cya mbere cya 2026.

Agaciro k'ibyo u Rwanda rwatumije mu bihugu bigize uyu muryango kazamutseho 4,6% mu gihembwe cya kabiri cya 2026 ugereranyije n'igihembwe nk'iki cya 2025, kazamukaho 26,9% ugereranyije n'igihembwe cya mbere cya 2026.

Imbonerahamwe y'agaciro k'ubucuruzi mpuzamahanga u Rwanda rwagiranye na SADC (muri miliyoni z'Amadolari y'Amerika)

Umwaka	Ibihembwe bya kabiri			
	2023	2024	2025	2026
	418,98	398,30	429,46	484,98

4. Umuryango w'Ubumwe bw'Uburayi (EU)

Mu gihembwe cya kabiri cya 2026, ubucuruzi mpuzamahanga u Rwanda rwagiranye n'ibihugu bigize Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi (EU) bwagize agaciro ka miliyoni 156,90 z'amadolari y'amerika, mu gihe mu gihembwe cya kabiri cya 2025 bwari bufite agaciro ka miliyoni 131,40 z'amadolari y'amerika, naho mu gihembwe cya mbere cya 2026 bugira agaciro ka miliyoni 119,60 z'amadolari y'Amerika.

Agaciro k'ibyo u Rwanda rwohereje mu bihugu bigize uyu muryango kazamutseho 39,9% mu gihembwe cya kabiri cya 2026 ugereranyije n'igihembwe nk'iki cya 2025; kazamukaho 134,2% ugereranyije n'igihembwe cya mbere cya 2026.

Agaciro k'ibyo u Rwanda rwatumije mu bihugu bigize uyu muryango kazamutseho 8,3% mu gihembwe cya kabiri cya 2026 ugereranyije n'igihembwe nk'iki cya 2025, kazamukaho 0,6% ugereranyije n'igihembwe cya mbere cya 2026.

Imbonerahamwe y'agaciro k'ubucuruzi mpuzamahanga u Rwanda rwagiranye na EU (miliyoni z'amadolari y'Amerika)

	Ibihembwe bya mbere			
Umwaka	2023	2024	2025	2026
	151,68	141,49	131,40	156,90

5. Umuryango w'ubukungu uhuza ibihugu byo mu burengerazuba bw'Afrika (ECOWAS)


Mu gihembwe cya kabiri cya 2026, ubucuruzi mpuzamahanga u Rwanda rwagiranye n'ibihugu bigize Umuryango w'Ubukungu uhuza ibihugu byo mu burengerazuba bw'Afrika (ECOWAS) bwagize agaciro ka miliyoni 3,09 z'amadolari y'amerika, mu gihe mu gihembwe cya kabiri cya 2025 bwari bufite agaciro ka miliyoni 10,7 z'amadolari y'amerika, naho mu gihembwe cya mbere cya 2026 bugira agaciro ka miliyoni 14,28 z'amadolari y'Amerika.

Agaciro k'ibyo u Rwanda rwohereje mu bihugu bigize uyu muryango kagabanutseho 0,05% mu gihembwe cya kabiri cya 2026 ugereranyije n'igihembwe nkiki cya 2025; kagabanukaho 63,4% ugereranyije n'igihembwe cya mbere cya 2026.

Agaciro k'ibyo u Rwanda rwatumije mu bihugu bigize uyu muryango kagabanutseho 74,4% mu gihembwe cya kabiri cya 2026 ugereranyije n'igihembwe nk'iki cya 2025, kagabanukaho 79,8% ugereranyije n'igihembwe cya mbere cya 2026.

Imbonerahamwe y'agaciro k'ubucuruzi mpuzamahanga u Rwanda rwagiranye na ECOWAS (miliyoni z'amadolari y'amerika)

	Ibihembwe bya kabiri			
Umwaka	2023	2024	2025	2026
	53,48	0,98	10,70	3,09



Copyright © 2026